

ITANGAZO

MPUZAMAHANGA KU ISHYINGURANYANDIKO



Itangazo ryemejwe
n'Akanama ka 36
k'Inteko Rusange ya
UNESCO



n'Akanama Mpuzamahanga ku Ishyinginguranyandiko

Ishyinginguranyandiko ribikwamo ibyemezo byanditse, ibikorwa n'amateka. Ishyinginguranyandiko ni umurage **wihariye** kandi **udashobora gusimburwa**, ugenda uhererekanywa uko **ibisekuruza** bigenda bisimburana. Iyo ishyinginguranyandiko rimaze gushyirwaho, rigomba gucungwa ku buryo **ridatakaza** agaciro karyo n'icyo risobanuye. Ni isoko **ngenderwaho** y'amakuru yakoresha mu bikorwa by'ubuyobozi bukorera mu mucyo kandi bushobora kwisobanura. Ishyinginguranyandiko rigira uruhare **rw'ingenzi** mu iterambere ry'imiryango y'abantu kuko **ririnda** kandi **rigatera inkunga amateka** yayo n'ay'abantu ku giti cyabo. Korohereza abantu benshi kugera ku ishyinginguranyandiko bigomba gushyigikirwa kandi bigashishikarizwa kugira ngo **ubumenyi** bw'umuryango mugari w'abantu bwiyoungere, demokarasi itere imbere, uburenganzira bw'abenegihugu busugire, n'imibereho myiza itere imbere.

Kugira ngo ibyo bigerweho, tugomba kwemera:

- ◆ **umwihariko w'ishyinginguranyandiko** nk'ikimenyetso gihamye cy'ibikorwa by'imitegekere, by'umuco n'iby'imitekerereze, n'indorerwamo y'iterambere ry'umuryango mugari w'abantu;
- ◆ **akamaro gakomeye** k'ishyinginguranyandiko mu bintu bikurikira: gutuma ubucuruzi bukorwa neza kurushaho, mu buryo buzira amakemwa kandi mu mucyo; kurinda uburenganzira bw'abenegihugu; kwegeranya amateka y'abantu hamwe cyangwa ku giti cyabo; gutuma amateka arushaho gusobanuka; kubika neza amakuru y'ibiba none kugira ngo ejo bizatubere urumuri;
- ◆ **uburyo bunyuranye** bw'ishyinginguranyandiko butuma hagaragazwa ibikorwa bitandukanye by'abantu;
- ◆ **uburyo bwinshi bwo gutegura** ishyinginguranyandiko, bwaba ubukoresha impapuro, uburyo bwa elegitoroniki, amajwi n'amashusho cyangwa ubundi ubwo ari bwo bwose;
- ◆ **uruhare rw'abakozi bo mu ishyinginguranyandiko**, bagomba kuba abanyamwuga babihuguriwe mbere yo gutangira akazi kandi bakomeza guhugurwa, bakorera imiryango muntu yabo bafasha mu gukusanya amakuru abikwa, bakayarobanura kandi bagatuma abashaka kuyakoresha babasha kuyageraho;
- ◆ **uruhare rw'abantu bose muri rusange**: abenegihugu, abafata ibyemezo bya politiki, abatunze ishyinginguranyandiko ryagenewe rubanda n'iritunzwe n'abantu ku giti cyabo, abanyamwuga mu by'ishyinginguranyandiko n'inzobere mu byerekeye amakuru, mu icunga ry'ishyinginguranyandiko.

Kubera izo mpamvu twiyemeje gukorera hamwe, kugira ngo:

- ◆ buri gihugu gishyireho ingamba n'amategeko birebana n'ishyinginguranyandiko kandi bibishyire mu bikorwa;
- ◆ gucunga ishyinginguranyandiko bihabwe agaciro, kandi bikorwe n'abo bireba bose, baba ibigo bya leta cyangwa ibyigenga bitegura kandi bigakoresha ishyinginguranyandiko mu mirimo yabyo;
- ◆ hatangwe uburyo buhagije mu rwego rwo gushyigikira imicungire myiza y'ishyinginguranyandiko, harimo no gukoresha abantu babihuguriwe;
- ◆ ishyinginguranyandiko ricungwe kandi ribikwe mu buryo rikomeza kudashidikanywaho, rikizerwa, ntihagire ikiriburamo kandi rigashobora gukoresha;
- ◆ ishyinginguranyandiko rigerweho na buri wese, hubahirijwe amategeko akurikizwa n'uburenganzira bw'abantu, ubw'abarikoze, ubwa ba nyiraryo n'ubw'abarikoresha;
- ◆ ishyinginguranyandiko rikoreshe nk'inkunga ifasha abenegihugu kumva ko bagomba kubazwa imyitwarire n'ibikorwa byabo.

Itangazo ryemejwe n'Inteko Rusange y'Inama Mpuzamahanga ku Ishyinginguranyandiko yabereye Oslo, muri Nzeri 2010, rishyigikirwa n'Akanama ka 36 k'Inteko Rusange ya UNESCO, yabereye i Paris, mu Ugushyiringo 2011.